**RFA Yatangaje Itariki yo Kwizihiza Umunsi w'Igiti no Gutangiza ku Mugaragaro Igihembwe cyo Gutera Amashyamba n' Ibiti mu Rwanda**

**Huye, Kuwa 14 Ukwakira 2024** – Ikigo Gishinzwe Amashyamba mu Rwanda (RFA) cyatangaje itariki y'itangira ry'igihembwe cyo gutera ibiti n'amashyamba mu Rwanda. Ku munsi w'umuganda w'ukwezi, iyi tariki izahurirana n' umunsi w'igiti, uzizihizwa ku nshuro ya 49, uteganijwe ku wa 26 Ukwakira 2024, mu Mudugudu wa Kamamana, Umurenge wa Munyanga, mu Karere ka Rwamagana.

Uyu munsi ngarukamwaka ni ikimenyetso cy'ingamba zihariye zo kubaka ubudahangarwa mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe no kubaka u Rwanda rutoshye. Kuva mu mwaka wa 1975, umunsi w'igiti utwibutsa akamaro k'ibiti mu buzima bwacu bwa buri munsi. Ibiti birinda urusobe rw'ibinyabuzima, biyungurura umwuka duhumeka, kandi bikenura abaturage.

Uyu mwaka, u Rwanda ruteganya gutera ingemwe z'ibiti zisaga **miliyoni 65**, harimo ibitigakondo n'ibitimvamahanga. Uko u Rwanda ruzagerageza kugera kuri iyi ntego, amashyamba yakendeye azongera aboneke, ubuhinzi buzamuke, haterwe ibiti bivangwa n'imyaka, ibirinda imigezi n'inzuzi, kandi bigatanga ubwihugiko bw'urusobe rw'ibinyabuzima.

Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: "**Tera Igiti, Ukibungabunge, Urengere Isi,**" ishimangira uruhare rwacu mu gusigasira ibidukikije kugira ngo isi yacu irusheho kuba nziza uyu munsi no mu bihe bizaza.

Mu gutangiza igihembwe cyo gutera ibiti n'amashyamba, hazabaho ibikorwa bitandukanye bigamije kwibutsa abaturarwanda akamaro ko gutera ibiti. Ku wa 25 Ukwakira, hateganijwe umupira w'amaguru uzahuza ibigo bitandukanye, birimo ibya Leta, imiryango itegamiye kuri Leta, n'iby'abikorera. Uyu mukino uzabera i Kigali kuri Cercle Sportif, ukazagaragaza umusaruro uva mu gukorera hamwe, ibyishimo n'ubucuti.

Nyuma y'uyu mukino, abitabiye bazakiririrwa muri hoteli ya Serena, bishimira insinzi n'ibyagezweho mu kubungabunga amashyamba mu myaka 7 ishize, bagaruka ku bahinzi b'amashyamba bahize abandi, ndetse baganire ku buryo bwiza kandi bugezweho bwo guteza imbere ibidukikije.

Ikigo Gishinzwe Amashyamba mu Rwanda kirashishikariza buri wese kwitabira uyu munsi n'ibikorwa byo gutera ibiti. Twishize hamwe, dushobora kwiyubakira, tunubakira abazadukomokaho ubudahangarwa mu guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, dutera ibiti n'amashyamba kugira ngo dushobore kurinda no gusigasira uyu mubumbe wacu.

###

*Arboretum, Huye | P.O. Box: 660 HUYE – Rwanda | Website: www.rfa.rw | Email: info@rfa.rw |*
*X: @RwandaForestry |www.linkedin.com/in/rwanda-forestry-authority-rfa*